# RWANDA REVENUE AUTHORITY

# OFFICE RWANDAIS DES RECETTES

Sec
Iyi letter ishyirwe kuri Website yacu
22/10 2015

TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

Our Ref : 654/RRA/CG/LRBS/14

Kigali, ku wa 15 AVR 2014

Your Ref : ..............................................

Received on 17/4/2014

**Bwana Perezida w'Urugaga**
**rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga**
**Po.Box: 3975 Kigali**
**Tel:255117692/0788485312**
**E:rw@corevale.com**

**Impamvu: Ibaruwa yanyu yo kuwa 18/02/2014**

Bwana,

Turabamenyesha ko twabonye ibaruwa mwatwandikiye ku italiki ya 24/02/2014, mutugaragariza ikibazo Abahesha b'Inkiko b'umwuga bahura nacyo cy'uko Ikigo cya RRA kitajya gitanga amakuru ku binyabiziga mu gihe yasabwe hagamijwe kurangiza imanza zaciwe n'Inkiko bityo bikaba bibangamira akazi kabo.

Tumaze gusuzuma ibiteganywa n'ingingo ya 60 y'Itegeko n° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko iteganya ko, Umuhesha w'inkiko ari mu cyiciro cy'abunganira ubutabera. Bityo, inkiko, ubushinjacyaha, inzego z'umutekano hamwe n'izindi nzego z'Ubutegetsi bwa Leta, zikaba zigomba kumufasha kurangiza inshingano ze.

Tuboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko amakuru ku binyabiziga Abahesha b'Inkiko bazajya basaba mu rwego rwo kurangiza ibyemezo byabaye Itegeko, Ikigo cya RRA kizajya kiborohereza kuyabona.

Tubashimiye ubufatanye.

**Komiseri Mukuru**

**Richard TUSABE**

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA P.O BOX 3987 KIGALI